

# *Alufa na Omega*

Kuwa 12 Kamena 1985

Brian Kocourek

## 1 Alufa na Omega

**MALAKI 3:6** “Kuko jyewe Uwiteka ntabwo mpinduka, ni cyo gituma abahungu ba Yakobo mutamarwaho.”

**2 ABAHEBULAYO 13:8** Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahora iteka ryose.

**3 IBYAHISHUWE 1:8** “Ndi Alufa na Omega, Itangiriro n'iherezo”, ni ko Umwami Imana ivuga, iriho kandi yahozezo kandi izahoraho, ari yo ishobora byose. 9 Jyewe Yohana, mwene So musangiye amakuba n'ubwami no kwihangana biri muri Yesu, nari ku kirwa cyitwa Patimo bampōra ijambo ry'Imana no guhamya kwa Yesu. 10 Ku munsi w'Umwami wacu nari ndi mu Mwuka, inyuma yanje numva ijwi rirenga nk'iry'impanda 11 rivuga riti “Icyo ubona ucyandike mu gitabo, ucyoherereze amatorero arindwi ari muri Efeso n'i Simuruna, n'i Perugamo n'i Tuwatira n'i Sarudi, n'i Filadelifiya n'i Lawodikiya.”

**4 IBYAHISHUWE 21:6** Kandi iti “Birarangiye. Ni jye Alufa na Omega, Itangiriro n'iherezo. Ufite inyota nzamuhera ubuntu kunywa ku isoko y'amazi y'ubugingo. 7 Unesha azaragwa byose, nanjye nzaba Imana ye na we abe umwana wanjye.

**5 IBYAHISHUWE 22:12** “Dore ndaza vuba nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze. 13 Ndi Alufa na Omega, uwa mbere n'uwa nyuma, Itangiriro n'iherezo. 14 “Hahirwa abamesera ibishura byabo kugira ngo bemererwe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo.

**6** Inyigisho za Bibiliya zivuga ku ihame rya “**Alufa na Omega**”, ni uguhishurirwa kutavangiye kandi kw'ingirakamaro dushobora kwakira kuvuye ku Mana. Mubyukuri mu dukubo dukurikira turumva mwenedata Branham akomoza ku ngingo nyinshi turi buze kuvugaho.

**Iningo ya #1.** Aravuga ati “**ni ryo yerekwa rikomeye mu mayerekwa yose**” kubera ko ryigisha ubumana bw'ikirenga bw'Umwami Yesu Kristo.

**Iningo ya #2.** Aravuga ati “**ni cyo kintu cyambere mukwiye kumenya**,” kubera ko kivuga ubumana bw'ikirenga bw'umwami yesu Kristo. Aravuga ati “**ndi Alufa na Omega, uwa mbere mu guhishurirwa kose.**” **Mugomba kumenya Uwo ari We kugira ngo mushobore kumenya ijwi rye igihe mu ryumvise.**

**Iningo ya #3.** Aravuga ati “**ndi Alufa na Omega, Uwambere n'Uwanyuma. Itangiriro n'Iherezo.**” Ku bwibyo rero icyo yakoze bwa mbere agomba no kugikora ubwanyuma kuko adashobora guhinduka.

**7 IYEREKWA RY'I PATIMO 04 12-60 03 01-69 NI MUGOROBA** 143-76 “**ku munsi w'Umwami Mana...**” ubu noneho, turabyumva. None n'iki ?. n'iki yakoze? Yakuwe mu kirwa, mu buryo bwumwuka, ku munsi w'Umwami. Kandi uko yagendaga yegera umunsi w'Umwami, niko yarushagaho kumva impanda. Icyo niki ?. Ese hari umuntu waba ari hafi aha ?. Umuntu uhambaye uri kwegera hafi. Ijwi ry'impanda, hari umuntu uri kuza. Ari tegereza. Haleluya..., impanda, iravuga, **ndi Alufa na Omega, uwambere n'uwanyuma:...** (Huum. Si ugutangaza ko ari umuntu wa kabiri cyangwa se umuntu wa gatatu, ahubwo niwe wenyine. “**ndi byombi Alufa na Omega; mbere yo kugira icyo mbereka, ndashaka ko mumenza uwo ndiwe.**” Amen.) **igihambaye mu mu guhishurirwa kose ni Ubumana, Ubumana bw'ikirenga bw'Umwami Yesu Kristo.** Ntushora gutera intambwe ya mbere utarizera ibi bintu, muzasohoka... icyo Petero yavuze agira ati, “**mwihere, hanyuma mubone Ubumana. Mubatizwe mw'Izina ry'Umwami Yesu Kristo kugira ngo mu babarirwe ibyaha byanyu, nuko mubone kw'injira mu mwuka.**” **Ikintu cya mbere mu bintu mugomba kumenya**

**ni Ubumana bwa Kristo.** “**Ndi Alufa na Omega.** Ntangirira kuri A nkageza kuri Z; ntawundi uretse Jye. Nari ndi kw’itangiriro nzaba ndi no kw’iherezo. Ndi We. Uwahozezo, Uriho, kandi Uzaza, Ushobora byose.” Mubitekerezezo. Ni cyo impanda yavugaga.

**8 145-77** Mwitonde yohana. Winjiye mu mwuka . hari ikintu ugiye guhishurirwa. Ese niki?. Impanda iravuze, icyambere. “**ndi Alufa na Omega**”. Ukwa mbere mu guhishurirwa kose. (Oh, banyabyaha, mucu bugufi, mwihane none igihe kitabarengana). “**ndi Alufa na Omega.**” Icyo nicyo kintu cya mbere cyatumye Amenya uwo yari We. (ni nde wegeraga hafi?. N’Umwami Yesu?. N’Umwami Mana? Umwami umwuka wera?). Aravuga ati ndi ibyo byose. Mpera kuri A nkageza kuri Z. Ni jye Tangiriro nkaba n’Iherezo. Ndi udapfa, w’iteka.”mukanya turaje tumubone mu bantu birindwi muri umwe, murebe uwo ari we. Murabibona?ni jye Tangiriro n’Iherezo. **Ndi Alufa na Omega.** **Ndi Uwambere n’Uwanyuma.** Nari ndiho mbere yuko habaho Uwambere; kandi ntawundi wanyuma uzabaho ukundi, nzakomeza kuba hariya. Muyandi magambo “**Uwambere n’Uwanyuma.**”... icyo ubona ucyandike mu gitabo, hanyuma woherereze amatorero arindwi yo muri Aziya; iryu Efeso, Simuruna, Perugamu, Tiyatira, Sarudi, Filadefiya, n’iryu Lawodokiya.

**9 147-78** Nukuri, icyambere mu guhishurirwa kose n’Ubumana bw’ikirenga bwa Yesu Kristo. **Mugomba kumenya Uwo ari We** igihe mwumvise ijwi Rye(nukuri.), nka rya jwi ryavugiye ku musozi wa Sinayi, nka rya jwi ryavugiye ku musozi wo Guhindurwa,Wa wundi, Umeze nk’umwana w’umuntu. Ngaho rero, mwitegerezze kuri uyu murongo ukurikira. Nukuri. Maze ndahindukira...(none n’igice cya 12) . tugiye gusiga izi nsengero umwanya muto, icyumweru tuza ku nsengero. Murebe , biriya tugiye kubicamo. Ariko yaravuze ati, “ibi... ngiye ku gutegeka kohereza ubu butumwa nkwereka.” Ni nde ? “**ndi Uwambere n’Uwanyuma.**” Ndiwikirenga. Ndi ushobora byose. Kandi naje kukubwira ko ngiye kuguha ubutumwa bw’amatorero arindwi. Ndashaka ko ubyandika, witegure. “**Murabibona?**”. Kandi amatorero arindwi ari muri Asiya... “kandi, hari amatorero yari yifitemo kamere yashushanyaaga ukuza kw’ibihe birindwi by’itorero bizaza.”

**10** None, n’ukubera iki mwene data Branham atubwira ko ihame rya **Alufa na Omega** ari ihame ry’ingenzi cyan e dukwiye kumenya. Twamaze kubona ko iri ihame rivuga agaciro gakomeye k’Umwami yesu Kristo nuwo ari We mu byukuri. Kandi kumenya ko **uko yari ejo hashize, none niko ari kugeza iteka ryose.** **Nkuko tubisoma muri Malaki 3:6** “**Kuko ndi Uwiteka ntawbo mpinduka.**” Nkuko mwene data Branham yavuze ati ntituzamenya icyo gukoresha ijwi Rye niba tudasobanukiwe uwo ari We nyakuri. Kubwibyo rero,  
#1) kugira ngo dusobanukirwe umunsi n’igihe tubarimo, na  
#2) kugira ngo tumenye ibiri gukorwa mu gihe turimo,  
#3) Tugomba kumumenya. Kuko ubwe y’ibwiye Yohana ku kirwa cy’I Patimo muri aya magambo ati “**ndi Alufa na Omega, Itangiriro n’Iherezo.**” Mwibuke ko atigeze avuga ko kimwe muri byo, yavuze ko yari Uwambere n’Uwanyuma

**11 UMURIMO UTUNGANYE 05 07-64 170** **Alufa yahindutse Omega.** **Uwambere ahinduka uwanyuma;** kandi uwanyuma ni uwambere. **Imbuto yabibwe yareze binyuze muri iyo nzira yongera gutanga indi mbuto.** **Imbuto yaguye mu busitani bwa Edeni ipfira aho ngaho.** **Musubire ku mbuto idatunganye yapfiriye hariya cyangwa mugaruke ku mbuto itunganye--Adamu wa kabiri.** 172 Eva wa mbere waguye, yakoreshejwe mw’ihindura rya kabiri ukuza kwa kabiri, atuzanira umwana, none yongeye kuba umugenii nyakuri, **Imbuto ,igarura kw’ijambo ry’inkomoko.** **Alufa na Omega** Ni kimwe. Yaravuze ati “**ndi Alufa na Omega**” ntiyigeze avuga ko yari ikintu runaka muri byombi. “**ndi Alufa na Omega, Uwambere n’Uwanyuma**”. Ni ibyo.Ubukozi bwa mbere n’ubukozi bwanyuma ni bumwe. Ubutumwa bwa mbere, n’ubwa kabiri... ubwanyuma, ni ikintu kimwe.” ndi...nari ndi muri Alufa ndi no muri Omega. “**hazabaho umunsi utarigeze kwitwa umunsi cyangwa se ngo witwe ijoro, ahubwo hazabaho umucyo igihe cya nimugoroba. Hazabaho umucyo.** ” Murabibona? **Alufa na Omega** ni we wongeye kuba uwambere n’uwanyuma. Oh la la, benedata, twabimarahio umwanya munini.

**12** Na none mwibuke ko mwenedata Branham yabikomojeho avuga ko yari *uwambere n'u wanyuma*, ntabwo ari hagati. Yavuze ko *alufa* yahindutse *Omega*. Akomeza agira ati ubutumwa bwa mbere n'ubwanyuma ni bumwe. Ibi ni ukubera Yesu Kristo adahinduka, *ejo hashize, uyu munsi, n'iteka ryose*. Kandi niba ubutumwa ari uguhishura Yesu Kristo, ubwo ni uguhishurirwa uwo ari We, kandi niba yarahindutse, ubwo ubutumwa bwa mbere n'ubwanyuma bwaba butandukanye. Na none nituramuka tumenye ko ubutumwa bwa mbere n'ubwanyuma ari bumwe, ubwo butumwa buraba buhishura uwo ari We hagati yacu, rero tugomba kumenya neza ko ubutumwa bwa nyuma ari ugutangaza Uri hano. Kandi niba Ari hano, agomba gukora mu buryo bumwe kandi agakora nka byabindi yakoze hariya. Na none mu mvugo turi buze kumva ya mwenedata Branham yongera guhamiriza nka cya gitekerezo ubukozi bugomba kwisubira muri iki gihe.

**13 UMWAMIKAZI W'ISHEBA 19 01-61 NI MUGOROBA 58 Noneho ni ubuhe bwoko bw'umucyo ibyo byarigutanga ? niba ibyo byari wo mucyo wambere w'izuba warasiye abantu b'iburasirazuba, ari wo Mwana w'Imana, yakoze ibyo yakoreye kuri Alufa kuri uwo munsi, yongera kubikora kuri Omega.**

Aha mwenedata Branham atubwira ko ibyo Imana yakoze mu gisekuru cya mbere igomba kubisubiramo no mu gisekuru cya nyuma. None ni ukubera iki Imana ikomeza gukora imirimo imwe ari ubwa mbere ndetse n'ubwanyuma? Kubera ko niba ari Imana idahinduka, ubwo ntishobora guhinduka. Ubwo rero niba idahinduka, ibyo yakoze bwa mbere igomba kubikora n'ubwanyuma.

**14** Abandi beceso...*IMANA Y'INYAMPUHWE 19 01-65 29 Niba bensi muri mwe mukunda guca akarongo ku byanditswe umukozi w'Imana arimo gusoma ...ndisuza kubabwira uyu mugoroba, niba mubishaka, kugaruka mu beceso, mu cyumweru gishize navugaga kuri Efesso, ukuntu igitabo cya yosuwa cyari Abefeso bo mw'isezerano rya kera kandi kikaba cyari igitabo cy'ugucungurwa. Ugucungurwa kubaho mu bice bibiri "gusohoka mu" no "kwinjira mu." Mbere na mbere ugomba gusohoka. Hari abantu baba bashaka gusohokana isi muri bo; ariko ukwiye kubanza wasohoka mw'isi kugira ngo w'injire muri kristo. Ugomba kuva mu batizera kugirango winjire mu kwizera. Ntihashobora kubaho ikindi kintu na kimwe mu nzira yawe., ukwiriye gusiga vivuye inyuma buri kintu cyose kidafite aho gihuriye n'ijambo ry'Imana nyuma yo kw'injira mu kwizera, icyo nicyo gitabo cy'Abefeso b'Isezerano rya kera: Yosuwa. Mugihe Mose yari ahagarariye amategeko. Atashoboraga kugira uwo akiza, ariko ubuntu bwarabishoboraga, kandi "Yosuwa", hariya, ni kimwe n'ijambo Yesu: "Yehova-Umukiza". Kandi n'ukuvuga turabona ko turimo kugera ku kindi gihe cy'Abefeso, ikindi gihe cy'Abefeso ubu. Mu gihe amadini yabanyabwenge n'ibindi, na gahunda z'inyigisho, mu gihe ibyo bintu byose byageze kuri yorodani yabyo, kubwo "kubwo gusohoka" no "kwinjira mu" kubw'izamurwa.*

**15 IGITANGAZA A 17 01-65 89 Ariko twasezeranijwe , hakurijwe *Ibyahishuwe10, Malaki 4, Mutagatifu Luka 22:17*, n'indi mirongo, ko hari kuboneka Abanyefeso kuri ubu. Byarasezeranijwe, nshuti zanjye. Hagomba kuza Abefeso kugira ngo ubwiru bw'ijambo bubashe guhishurwa. Kandi ibi byose bizaba mu gisekuru cya Laodokiya. Ndizera ko ariho turi. Ndizera ko duhagaze mu gicucu cy'kuza k'umwana w'Imana. Ndetse nka Yosuwa, ndetse na mbere y'ukuza kw'Abefeso, nanone kandi Yohana umubatiza yaje mbere y'Abefeso bagombaga gukurikira. Kandi natwe twasezeranijwe abandi Befeso. Birahari mu byanditswe; bityo rero, ndatekereza ko turi mu gihe cya Efeso na none . Musubire ku...twasezeranijwe ko ibyo byagumyeho mu gihe cy'ibihe birindwi...**

**16 TURASHAKA KUBONA YESU 16 05-57 11 Ibyo nibyo byabaye intero n'inyikirizo imyaka myinshi. Hari icyanditswe nasomye kibivugaho ubwo nari hano mbere. Kandi nizeye ko nzakomeza kugisoma kugeza mvuye kw'isi. Kuko nizera n'umutima wanje wose ko Yesu Kristo uko Yari ejo, uyu munsi, adahinduka kugeza iteka ryose. Bibiiya imwita "Alufa na Omega; uwahozeho, uraho kandi uzaza." Ari na byo bihamya ko uko yari ejo, uyu munsi, ni nako adahinduka kugeza iteka ryose. "Uwahozeho, uraho kandi ari na We uzaza," kuko adahinduka. Ntashobora guhinduka na hato. Twe turahinduka; ibihe birahinduka; Ariko Imana ntishobora guhinduka na hato.**

**17 IBIBAZO N'IBISUBIZO 23 08-64NI MUGOROBA** 1021-119 *Kandi Yesu ntashobora kuzaza kuzageza ubwo itorero, umubiri w'abizera n'ubukozi Yari afite( bwari mu...?)... bizaba ikintu kimwe nkuko byari bimeze...hanyuma, ibyo bizazana... “bonyine tutari kumwe na bo ubwo ntabwo batunganywa” niko Pawulo avuga, **Abahebulayo11.** “**kugira ngo abo badatunganywa rwose tutari kumwe.**” Bari bakwiye kugira ubu bukozi kugira ngo bazure Aba Luteri, Abawesileyi, nabo bose bagiye banyura muri ibyo bisekuru byabo.*

Ni ukuvuga ko akamaro ko gusobanukirwa iri hame rya **Alufa na Omega**, ni ukuba wenda Imana yasohoje mu buryo runaka cyangwa se hari ikintu runaka yabanje gukora bwa mbere, na none Igomba kongera kugikora nkuko yabanje kubikora cyangwa se ikazabikora bwa nyuma. Uru nirwo rufunguzo rwo gusobanukirwa n'ubukozi bwa mwenedata Branham n'ikimenyetso cy'inkingi y'umuriro yahamije ibyo nkuko yahamirije intumwa Pawulo.

**18 MALAYIKA W'UWITEKA 02 05-51 17** Dore turi mu gisekuru cya Lawodokiya, ari na cyo cya nyuma. **Dore kandi Ahagaze hanze ateze ibiganza.** Hariya, ikiganza kimwe cyari **Alufa, ikindi kiganza kikaba Omega.** Uko umucyo wagiye ukendera ni nako ibihe by'umwijima byagiye biza; uko bamwe binjiye abandi na bo barasohoka, rya torero rimwe, bya bimenyetso bimwe, ba bantu bamwe, **Alufa na Omega.** Ibi bivugwa hano biratwereka akamaro k'ubukozi bwa Omega muri iki gihe. Si Imana gusa yongeye kumanuka nkuko yabikoze bwa mbere, ahubwo Yaje yitwikiriye umubiri kubwo gukora nkuko yabigenje mu mubiri w'umwana wayo w'ikinege. Kandi Niba ubukozi bwa Yesu hari icyo bwakoze ku batagatifu bo muri iyo minsi, ukugaragara kwe nako gukwiye kugira icyo gukora muri iyi minsi ya none.

**19 KRISTO HANZE 30 03-58 NI MUGOROBA 13** Icyanditswe cy'uyu mugoroba ku torero ry'igisekuru cya Lawodokiya, ari na ryo torero ry'igihe cya nyuma. Mwibuke ko dukurikije ibyanditswe... Ibi ntibishora guhuza n'abanyatewolojiya, kandi ibyo nukuri; nabasha gukosa. Nta gushidikanya, Kenshi nkora amakosa. Arikon shingiye ku byo nizeye—ko itorero ry'igihe cya nyuma ari ari na cyo gihe turimo. Nimwitegerezza uko ibihe by'itorero biza. Kimwe cyari umucyo urabagirana, ikindi uragabanukaho, umwijima muto. Hari imyaka igihumbi maganatanu y'umwijima, hari Luther, hari Wesley, hari n'Apantekoti. Kandi yari ahagaze hagati y'ibitereko by'Amatabaza birindwi, byashushanyaga ibihe birindwi by'itorero, ateze n'ibiganza bye nka **Alufa na Omega**, Uwambere n'Uwanyuma. Igitereko cyambere cy'itabaza ni cyo cyari gifite umwijima mwinshi, kandi nina byo. Arikon ni ibintu bibabaje, mu byanditswe twiga ko yavuze ko, “**kubera ko uvuga ngo ndatunze ndatunganiwe**(ntacyo mbaye)...” ese murabona uko itorero ry'iyi munsi rimeze?

**IGIHE CY'ITORERO RYA FILADELIFIYA 10 12-60 135** none, icyo nicyo yahishuye mw'itorero ryabanye. None mwitegerezze. Nkuko Yohana yamubonye ahagaze hagati y'ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu. Yari ahagaze Ateze ibiganza. Hari igitereko cy'itabaza cya mbere, icyakabiri, icya gatatu, icya kane, icya gatanu, icya gatandatu n'icya karindwi, Ateze ibiganza nkishusho y'umusaraba. Aravuga ati **“Ndi Alufa na Omega.”** Mu yandi magambo, “nzaba uwikirenga ubwa mbere nzaba uwikirenga n'ubwa nyuma” . umucyo warasiye I burasirazuba urengera iburengerezuba. Byari ubwihebe, igihe cy'icuraburindi, arikon **“hazabaho umucyo wo mu gihe cya nimugoroba.”** Za mbaraga z'ubutumwa bwiza zavuye mu kiganza cye iburasirazuba, zarabagiraniye no mu kiganza cy'iburengera zuba, **“Alufa na Omega, ndi A na Z.”** mu kiganza cye...murabibona?

Ku bwibyo rero dushobora kubona neza ibiranga ubukozi bwa Omega bw'umwami Yesu Krisito kuri iri torero ry'igihe cya nyuma. Yavuze ko ubukozi bwe bugomba kongera kubaho kugira ngo buzure abaphuye kandi butunganye umugen. Kandi muzirikane ko mwenedata Branham yatubwiye ko akamaro ko gusobanukirwa ihame rya Alufa na Omega ko ari ukubasha gusobanukirw n'uwo yariWe. Kandi intego yibyo nuko tubasha kumeya ijwi rye na We tukamumenya. Ese ni gute twabasha ku mumenya aramutse ari Imana ihindagurika. Kubwibyo rero ni kamere y'Imana idahinduka itubashisha kuyimenya igihe ije. Nkuko mwenedata Branham yabibwirije mu cyo yise, **“Imana irangwa n'imico yayo.”**

**20 IKIMENYETSO** 08 02-64 235 *Mwibaze, umwuka wera uhambaye uraje, ugaragaza Yesu Kristo nyuma y'emyaka ibihumbi bibiri(2000). Murabona neza kamere ye yo gukora ibantu nkuko yabisezeranije. Ibyo nukuri.*

**21 INDWANYI IKOMEYE YOSUWA** 19 01-55 44 *Nuyu mugoroba ari hano, ikimenyetso kidasanzwe cy'umwami Yesu Kristo, NDIHO ukomeye. Alufa ukomeye na Omega, Itangiriro n'Iherezo.* Kuberiki? Igihugu n'icyacu, “*kandi buri wese uniyiyungaho nzamuha ubugungo buhoraho kandi nibwo buzamuzura ku munsi wa nyuma.*” Amina. *Tubifitiye gihama hano.*

**22 IMIRASIRE Y'IZUBA** 18 04-65 MU GITONDO 45-3 *ni we wabumbuye ibyo bimenyetso; ni na We ibyo bimenyetso. Kugira ngo ijambo ryose ry'Imana ribe Kristo, kandi Kristo ni We bimenyetso byamenwe. Ese ni ibihe bimenyetso byamenwe? Guhishura Kristo. Abamatayika barindwi bashushanya amatorero arindwi yamaze kubaho. Ntitwabashije kubyibonera. Ababibonye bafashe ifoto, ntabwo ari twebwe. Hariya niho yari Ahagaze, nk'Umucanza ukomeye, yerekana ko Ari Alufa na Omega Uwambere n'Uwanyuma. Mbega ikimuranga. Imbaraga zikomeye kuri twebwe. Imbaraga zikomeye zituma tubona ukuza Kwe.*

**23 URAKURURWA N'IKI ?** 25 05-65 NI MUGOROBA 142 *Undi munsi, nari mpagaze hariya, mpindukiza ifoto nyishyira I buryo, hari Yesu nkuko yari ari mu bihe birindwi by'itorero, afite umusatsi wera, yerekana ubumana bukomeye. Ni Alufa na Omega; Ni Uwambere n'Uwanyuma. Ni umucamanza ukomeye w'iteka ryose, Ahagaze hariya, ahamiriza utumwa bw'igihe. Kandi hazabaho umucyo wo mu gihe cya nimugoroba! Ibyo bivuze iki? Ibyo byari iki?*

**24 IMANA IHISHUWE** 14 06-64 MU GITONDO 370 *Ni bangahe bamubonye ahagaze nk'umunyazi ukomeye, Ijambo ryamabaye umuburi' ryaratwiyeretse, Alufa, Omega, Uwahozezo, Uriho, ari na We uzaza, igishyitsi cyo mu muryango wa Dawidi; Yari umwana w'umuntu, umwana w'Imana, umwana , kandi azaba n'umwana wa Dawidi? Murabyizera n'umutima wanyu wose? Yigaragaje muri buri gisekuru, Y'ihishuye kubwo kwigaragariza abizera, Y'ihishe mu mubiri ku mutizera. Yihishe nyuma y'umwitero.rek'Imana Ikureho umyitero yose,maze twitegerezze uko ateye!*

**25 TURASHAKA KUBONA YESU** 27 06-62 106 *Oh Mana yo mw'ijuru, utubabarire kubwo kutizera. Tuzi neza ko icyaha ari ukutizera, icyaha cyo kutizera, umwuka wera namanuke kuri buri mwe wese muri aka kanya kugira ngo ntihazongere kubaho ukutizera ukundi bitewe n'ukugaragara kwa Yesu Kristo kuri hano kuri uyu mugoroba, ariyerekana ubwe ari muzima nyuma yimyaka ibihumbi bibiri, Ijambo ubwaryo niryo rihagaze hagati yacu, muri twebwe, arihishura mw'ijambo Rye.*

**26 IJWI RY'IKIMENYETSO** 13 03-64 68 *Ari hano none. Muri aka kanya buri mwe wese asabire itorero—niba wisabira, wongere ijwi, icyo waba usaba cyose. Mubasabire mubarambikaho ibiganza , kuko nabo babasabira. Ngaho ni mwitegerezze. Kandi mu kugaragara kwa Mesiya, Kristo, uwazutse kandi akaba akiraho nyuma y'emyaka ibihumbi bibiri. Ni gute dukonja mu mwuka ? ni impamo ko iki gihugu kigomba gukongorwa n'umuriro. Birakwiye ko twambara ibigunira tukiraba ivu. Ariko se ibyo bizakorwa? Oya. Ariko wowe kuko hari uwo uskaka, wizere ko azabikora kugira ngo arinde ijambo rye. Rambika ibiganza ku muntu maze umusengere, mu gihe nanjye ndaba ndi hano ngusengera. 69 Mwami Yesu, byaravuzwe cyane, biranakorwa cyane ijambo wadusezeranije ryarahishuwe. Mesiya Kristo w'Imana, mu kugaragara kw'Imana. Turamwiyumvamo. Turamubona. Tuzi neza ko yabidusezeranije muri iyi minsinganya. “nkuko byari bimeze mu minsinganya Sodoma, ni nako bizamera igihe yamaze guhishurwa.” kandi turabibona, turabona umuriro waka mu kirere, turabona ibisasu kirimbizi. Turabona ibihugu biriwe n'injo. Ibihugu biracikamo ibice. Turabona igihu cy'isezerano cya Isirayeli. Buri kimenyetso cyose cyahanuwe cyamaze gusohora. Igitigaye ni ukuza k'umwana w'umuntu wahanuwe. Uhoraho, mu kugaragara k'umwami Yesu Kristo, umwuka wera ukomeye Ari hano muri aka kanya, Arahanya ko ari hano, Umva isengesho ryaba bantu. Umva aba bakristo. Kugira ngo ni ntandukana na bo. Ntibazajye bavuga ibi ni mweneda Branham*

wabikoze. Hari abantu batigeze barambikwaho ibiganza kandi bamaze gukira. Kandi waduseranije ijwi rifite ikimenyetso. Ni bakire nkuko mbakweguriye mw'izina rya Yesu.

27 **UWAMIKAZI W'AMAJYEPHO** 27 11-60 NI MUGOROBA 46 Bibiliya ivuga ko bahabaho ikimenyetso. Icyo kimenyetso kiza ari bwoko ki? Ikimenyetso cy'umuzuko. Haluya. Turagifite. Amen. Kiri hano. Yesu Kristo yazutse mu baphuye, ubu ngubu ni muzima kandi Ari kwiyerekana muri twe nyuma y'Imyaka ibihumbi bibiri.

28 **GUTAMBUTSA UGUHATIRIZWA** 0906-62 NI MUGOROBA 60 Tuzi neza ko Urinda isezerano ryawe Mwami. Ndagusaba ko uhamya ukugaragara kwave uyu mugoroba. Kandi turagusaba, Data, ko hari ibyo wongera kugaragariza imbere yaba bantu uyu mugoroba. Nkuko byabereye imbere y'umusaraba. Kugira ngo bamenye ko nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri Yesu atamaze umusi umwe; Aracyari Yesu Kristo nkuko yahoze. Ntashobora gutsindwa na hato cyangwa ngo ahinduke.

29 **GUCUNGURWA N'IMBARAGA** 29 03-54 3 Nta numwe wari umeze nka We ku isi, nta nuzaba nka We. Yari Imanuweli. Yari **Alufa, Omega, Itangiro n'Iherezo, Uwahozezo, Uriho, kandi Uzahoraho**, Gisyitsi cyo mu muryango wa Dawidi; Inyenyeri yo mu ruturuturu. Muri we harimo Ubuman. Imana yari muri We. "Imana yari mu mwana wayo, muri Kristo, yiyunga n'isi." Yesu aravuga ati "**si njye ukora iyi mirimo ahubwo ni Data uri muri njye. Njye na Data turi umwe.**" Imana yigaragarije ku mubiri. Mbega ukwigaragaza k'urukundo rukomeye rw'Imana kuri twe, yabashije kwihihura Iramanuka, hanyuma itura mu mubiri kugira Akureho icyaha n'uburwayi bw'ikiremwa muntu Atugarura kuri Data. Ibi biratangaje, si byo?/ikoraniro riti "Amen"—Ed.J Ibyo biratunezeza nukuri.

30 **IBIBAZO N'IBISUBIZO KU SHUSHO Y'INYASWA** 15 05-54 195-291 Ni **Alufa, Omega, Itangiro n'Iherezo, Igishyitsi cyo mu muryango wa Dawidi, Ukurabagirana kw'Inyenyeri yo mu ruturuturu, Data, Umwana, Umwuka wera.** "Umwuzuro w'ubumana wari muri We" ni ko Bibiliya ivuga. Umwuzuro w'ubumana wari muri We.

**ABAHEBULAYO IGICE CYA 5 NA 6 08 09-57 MU GITONDO 170-32** Arikko mbere yuko Pawulo yemera iyi myitoto, yarazi neza ko Malayika w'Umwami yahoze ari inkingi y'umuriro, ari nayo yari Kristo, byiza cyane, uwo yari Malayika w'isezerano, nina We wari Kristo. Mose yatekereje neza cyane, ubwo yemeraga kubabarizwa ubwoko bwa Kristo, no kuyoborwa na Kristo, kuruta kugira ubutunzi bwose bware muri Egiputa. Yakurikiye Kristo wari mu ishusho y'inkingi y'umuriro. Maze Kristo aravuga ati "**nakomotse kuri Data**(ubwo yari hano kwisi); **kandi ndasubira kuri Data.**" Nyuma yuruphu rwe, agahambwa, akazuka, wa mubiri We w'ubwiza wacajwe iburyo bw'Isumbaboyose kubwo kw'inginga. Pawulo yongeye ku mubona mu nkingi y'umuriro, umucyo wari hafi ku muhuma amaso, wamuhinduye impumyi. Petero yamubonye ubwo yazaga mu nzu y'imbohe asa n'umucyo maze afungura inzugi, imbere ye, mugihe yasohokaga. **Turabona ko yari Alufa na Omega, Uwambere n'Uwanyuma. Kandi Ari hano hamwe natwe nuyu munsi, arakora bimwe yakoze kirya gihe, aratwiyyeraka imbona nkubone, abigaragariza abanyabwenge.**

171-36 Oh muri iki gihe isi yubitswe n'umwijima ndetse n'ubuyobe bukomeye ku'isi, twe dukwiye kuba abantu bishimye cyane kwisi yose, tunejejwe no kumenya... ibihe byose, mu gihe abantu benshi barwaye kwigishwa nabi ndetse n'uburyo bwose bwo kubaho abantu bishyiriye ho ndetse nibisa bityo kw'isi... ndetse, uyu munsi wa none Imana nzima, binyuriye mw'ijambo ryayo n'ukugaragara kwayo kugagara, Itugaragariza ko iri hano hamwe natwe. Arimo gukora, arimo kugenda genda, ni Muzima, arakora neza neza nkuko yahoze akora. Mbega abantu dufite ubutunzi bukomeye. Twakagombye...Bibiliya irabivuga hariya mu gice cya 2, "ibi bintu dukwiye kubifata tukabikomeza kubera ko... Ese twahungira he turamutse tujugunye aka gakiza gakomeye?"

**31 NI IKI WUMVISE ELIYA 12 04-59 NI MUGOROBA 81** Ni bangaye—*ni bangahé babashije kureba ukugaragara k'Umwani Yesu ahagaze hariya yitegereza iteraniro Rye? Yehova ukomeye Imana, Alufa na Omega, Itangiriro n'Iherezo, Uwambere n'Uwanyuma, Ejo hashize, none, ndetse n'ihiye cyose, ni Imana.*

**32 INZIGE, KAGUNGU, N'UBUZIKIRA 59-0823 138** Hariho Imana imwe. Hari Imwe gusa. Ni We Yehova Imana. NDIHO ukomeye; *Alufa na Omega, Itangiriro n'Iherezo.*

**33 IBYAHISHUWE IGICE CYA MBERE 60-1204M 183** Noneho ku itangiriro Imana yari Yehova wabaga mu nkingi y'umuriro, yayoboraga abisirayeli iri hejuru. Iyo yari Imana, Malayika w'isezerano, yamanukiye ku musozi maze umusozi wose waka umuriro; umuriro ugurumana ku musozi, maze yandika amategeko icumi y'Imana. Yiswe "Imana Data," ku bana bayo, no ku bwoko bwayo bwatoranyijwe, aribo Bayuda. Ya Mana yongeye kwigaragariza mu mubiri wavutse ku sugi waremewe mu nda ya Mariya, Abaho, Aratura, Abamba ihema rye mu kiremwa mutnu. Iyo ninayo Mana yaremye umubiri maze ikaduturamo. Bibiliya nayo irabivuga. *Imana yari muri Kristo. Umubiri wari Yesu.* Umwuzuro w'ubumana wari mu mubiri wa Yesu. Ntimushobora Kumugira abantu batatu. Ntimukabatize mu mana eshatu; hari Imana Imwe(murabibona?): Imana imwe. 185 ya Mana yambaye ububiri". Aravuga ati "*navuye ku Mana kandi niho ndasubira.*" Nyuma yo gukurwa ku isi n'uruphu, agahambwa, akazuka kandi akanazamurwa mu ijuru, Pawulo yongeye guhura na We mu nzira ijya I Damasiko, igihe yahamagawe ngo Sawuli. Maze ijwi rirahamagara riti "*Sawuli, Sawuli urantotereza iki?*" aramubaza ati "*Uri nde?*" na We aramusubizaga ati "*ndi Yesu.*" Kandi Yari inkingi y'umuriro, umucyo wahumye amaso y'intumwa. Yaragarutse. Wa Yesu yasubiye ku Mana Data. Ni nayo mpamvu avuga hano ati "*Ndi ushobora byose,*" muri yashusho imwe yarafite mbere yuko aba umubiri, kandi umubiri yatuyemo witwa Yesu, umugabo twese tuzi, Yesu...

**34 TURASHAKA KUBONA YESU 27 06-62 106** Oh Mana y'ijuru, utubarire kubwo kutizera. Tuzi neza ko icya cyonyine kiriho ari icyaha cyo kutizera. Umwuka wera ni aze kuri buri wese muri aka kanya ku buryo batazongera kugira gushidikanya ukundi k'ukugaragara kwa Kristo uyu mugoroba, yigaragaza ubwe ko ari muzima nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri, ijambi ubwaryo rihagaze hano hagati yacu, muri twebwe. amenyekanisha ijambo rye.

**35 GUTITIRIZA 19 07-62 NI MUGOROBA 99** Twiyereke Mwami. Nyuma y'umunsi umwe amaze kuzuka, Cleopas n'inshuti ye bari ku muhanda ugana Emawusi. Abo baganiraga na We umunsi wose, ariko ntibigeze bamumenya. Ariko muri uwo mugoroba, Yajanye na bo mu cyumba maze bafunga imiryango. Maze atangira gukora nkibyo yakoze mbere yuko abambwa, kandi babonye ari ntamuntu wigeze akora ibintu nkibyo, maze bamenya ko ari We. Basubiyeyobihuta cyane, maze babwira abantu, nyuma yo kubahumura amaso yabo, Uwo Mwami w'ukuri Yarazutse. Mana Data, twaretse imirimo twagombaga gukora uyu munsi. Turi hano uyu mugoroba. Twifungiye mu cyumba. Ngwino Mwami. Gira ikintu udukorera uyu mugoroba hagati yacu nkuko wabigenje mbere yo kubambwa ku musaraba, ku buryo tugira umunezero wo mu mutima, nkuko bari bameze, bagenda bavuga mu nzira bat, "*imitima yacu ntiyagurumanaga igihe yaganira natwe ku nzira?*" kitwemerere, Mwami. Ijambo ryawe rimwe gusa rirahamiriza buri cyo navuze cyose. Kandi niba navuze ukuri... ndabizi, Mwami, Wowe urahamiriza ukuri gusa, kuko ntacyo uzakorana n'ibinyoma n'amakosa. Ahubwo wowe uhamya ukuri gusa. None Data, ndagusaba ko uhamiriza ibyavuzwe byose ngo bibe impamo. Ndakwiyeguriye hamwe n'ijambo ryawe, hamwe n'iteraniro ry'abantu bawe, n'ukwizerwa kwabo bagize. Mw'izina rya Yesu Kristo, turagusaba ko uhindura ibintu hano, ukatugaragariza ko uri kumwe natwe, nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri. Ba... nta ruphu kuri We, ni muzima. Bitwemerere Data, mw'izina rya Yesu. Amen.

**UKUGARAGARA KW'IMANA KUTAMEKANYE 18 06-64 138** "*igisekuru cy'ubugome n'ubusambanyi gisaba ikimenyetso, mw'itegereze, barakira ikimenyetso.*" iki? Iki gisekuru. "*kuko nkuko Yona yamaze mu nda y'urufi iminsi itatu n'amajoro atatu, Umwana w'umuntu Azamara iminsi itatu n'amajoro atatu mu mva.*" Ese ni ikihe kimenyetso iki gisekuru ubugome n'ubusambanyi

*kiri bwakire? Ikimenyetso cy'umuzuko. Nuyu munci, nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri turacyabona Yesu mu mbaraga z'umuzuko We. Ahagarara hagati yacu, akora nkibyo yakoraga ndetse ni byo yadusezeranije gukora. “igisekuru cy'ubugome n'ubusambanyi kirasa ba ikimenyetso, bahora bashaka: nyereka ibi ngibi, kandi ni mubasha gukora ibi ndetse n'ibi. Bazakibona, ikimenyetso cy' umuzuko. Ni wa wundi ejo hashize, n'uyu munci, n'ibihe byose. Ijambo ry'ihishuye riri muri twebwe. Twashimira Imana dute kubwo ikimenyetso cyayo gikomeye!*

**36 UMUSAZA ABURAHAMU** 07 02-64 66 Nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri, imyaka ibihumbi bibiri, kandi Ara cyari hano na none hagati yacu. Umutsinzi ukomeye watabuye umwenda ukingiriza mo kabiri, uwafashe uburwayi bwose, ibyorezo byose, Yarabyikoreye byose, n'ubumuga bwacu bwose abijyana ku musaraba, Yatsinze ibyorezo byose, n'ubumuga bwose maze azuka kubwo guhamirizwa kwacu, kandi ni muzima nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri kugira ngo yihishure nka Yesu Kristo muzima Hagati y'urubyaro rwa Aburahamu ari nabo baragwa ba byose. Oh, my. Abo banyuze mu kigeragezo, iserano ry'Ijambo. Niba mwizera ijambo, ubwo muri urubyaro rwa Aburahamu. Nuko nguko mubasha kubigeraho.

**37 URUTA SALOMO** 28 06-63 NI MUGOROBA 151 Nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri yo kubwiriza ubutumwa bw'iza Umwuka Wera wasutswe mu minsi ya nyuma, ku bantu, impano y'Umwuka Wera' kandi Yadusezeranije ko ibi bizongera kuba no kw'itorero, mbese n'iki azakora ubwo azaba ahagaze hariya nyuma y'igihe cye uteranyijeho imyaka ibihumbi bibiri yo kubwiriza ubutumwa bw'iza muri iyi minsi yanyuma maze tukabona impano, si impano imwe, ahubwo ni impano z'Umwuka wera?. Yeguriye(umugore) ubuzima bwe Kristo. Kubera iki? 152 Ngomba kurangiza kubera ko ntashaka...ndashaka ku, ndashaka kugusengera. Nshuti zanje... We (umugore)... Baravuga bati “twerke ikimenyetso. Turashaka..” ni nacyo kibazo abapantekoti bafite. Muri gushakisha ikintu runaka umwe muri iyi minsi bizabajya kure, bizabanyuraho, kandi ntumuzabimanya. Mwibuke, mu minsi ya Eliya ntibigeze bamumenya. No mu minsi ya Yohana umubatiza ntibigeze bamumeya. Kandi yavugaga icyanditswe nkuko cyari kiri. Ati “nzohereza intumwa yanje mbere yanje kugira ngo integrare inzira.” N'abigishwa baramusanze baramubaza bat “kubera iki Eliya agomba kuza?” Arabasubiza ati “yamaze kuza ahubwo ntumwabimanya.”

**URUTA SALOMO ARI HANO** 28 06-62 35 Umucyo wa nimigoroba uramuritse uru rubyaro rurikwakira ikimenyetso cya Yona, Kristo batekerezaga bibohoye. Itorero ryabambaye Yesu Kristo imyaka ibihumbi bibiri ishize ntabwo rizongera ku mubamba ukundi. Aravuga ati “ndi muzima kugeza ibihe cyose.” kandi aracyari hano yigaragaza mu bantu be nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri, imirimo yakoreye hariya arikongera kuyikorera hano. Hashize imyaka imya ibihumbi bibiri. Ni muzima ibihe byose kandi ni We ufite imfungozo z'urupfu n'ikuzimu. Amina.

**38 BAGABO TURASHAKA KUBONA YESU** 04 03-64 160 Murabyizera none? Mwizere gusa. Ibyo nukuri. Ibyo ni mwe mubizi, njye ntabyo nzi...?... ngwino hano mushiki wanjye. Njye ntabwo ntabwo mbazi. Ntabwo tuziranye hagati yacu, niko nibwira. Niba ibyo ari ukuri, niteraniro rishobora kubona ko tutaziranye. Murabibona? Niba... ibi bimeze nka hahandi Umwami yahuriye na wa mugore umunsi umwe. None natwe twongeye guhurira na We hano; duhuriye ku isezerano yaduhaye nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri, umugore n'umugabo bongeye guhurira muri ya nzira. Si nigeze nkubona kuva nabaho. Ndaleka ko tutaziranye na busa, ariko Imana iratuzi twembi. Niba umwuka wera Kristo ari hano no muri wowe, ari buhishure igituma uhagaze hano, cyangwa se ibyawe, urumva unezerewe cyane nk'uriya mugore wo kuri urya munci?

**39** Ukuburirwa tuboneye muri iri hame nuko nkuko ubukozi **Alufa** bwari buri ku torero ni nako agomba kubusubiramo muri **Omega** cyangwa ku torero ry'igihe cya nyuma. Ariko nanone ubwo bukozi buzazana n'urubanza, nkuko itorero ryatangiye muri **Alufa** ni nako rigomba kuba no muri **Omega**.

**40 77-1 IGIHE CY'ITORERO RYA EFESO- IGITABO CY'IBIHE BIRINDWI BY' ITORERO IGICE CYA 3** Izina ry'ukuri, Efeso, rifite ubusobanuro bukubiye hamwe “kugambirira”, “kurekura”, iki gisekuru cyatangiranye uguhumekerwa ko mu rwego rwo hejuru kwatangiranye n’umwuzuro wo mu buryo bw’umwuka, “uburebure bw’Imana”, aho bagambiriye guhamagara Imana mu rwego rwo hejuru, bagatangira kureka imico itari myiza. Baretse kureka gukurikira Yesu Kristo watangiye kw’ihishura nk’ikimeneyetso cy’ibihe bizaza, ikigare cy’iswe itorero kizahenebera mu kababaro k’ “uburebure bwa stani”. Byaje kuba kurekura hanyuma batangira kuyoba. Iki gisekuru cyari mu gusubirinyuma gukomeye. Cyaretse urukundo rwa mbere. Utubuto twatewe mu gisekuru cya Efeso twakuriye mu mwuka utari mwiza kugeza ubwo inyoni zose z’intontonorano zaritse mu mashami yatwo. Uko gukura guto kwagaragaye mu maso ya Eva mushya(itorero rishya), rero kutababazwa n’ibitekerezo bya kimuntu byatuma na none yongera kugushwa na satani. Igisekuru cya Efeso cyamugaragarije Amahirwe y’Ibyiza by’Imana, mukanya gato yaranesheje, araruhuka, noneho mu kandi kanya ararekura, muri ako kanya k’uburangare, Satani yabibye imbuto yo kurimbuka burundi.

**41 8-2 IGIHE CY'ITORERO RYA EFESO- IGITABO CY'IBIHE BIRINDWI BY'ITORERO IGICE CYA 3** Ubushake bwinshi bwo kunezeza Imana, gushishikazwa no kumenya Ijambo Rye, inyota yo mu uburebure bwo kw’injira mu mwuka, byose Bitangira kugwa hanyuma iryo torero aho kuba umuriro ukongora, umuriro ukongora w’Imana warazimijwe biba ibyo ku izina gusa. Ibyo ni byo byabaga ku Befeso na bo bari basigariye ku zina gusa. Kwiyegurira Imana kurasibangana, kandi abantu ntibari bacyita kucyo Imana ibatekerezaho ahubwo ahubwo batangije kwita ku byo abantu babibazaho. Igisekuru cyakurikiyeho cyari kimeze neza neza nka Isirayeli. Nabo basabye kwishiriraho umwami nk’andi mahanga. Igihe babikoze batereranye Imana. Ariko barabikoze uko byamera kose. Ayo niyo mateka y’itorero. Igihe batekereje kw’isanisha n’isi aho kw’isanisha n’Imana. Ntabwo byabatwaye igihe gito kuva mu byo bari bamenyereye gukora, hanyuma bagatangira gukora ibintu batari barigeze gukora na mbere. Bahinduye uburyo bwo kwambara, bahindura imico n’ingeso zabo. Baribohoye. Icyo ni cyo “**Efeso**” bisobanuye: kurekura,gukora ibyo ushaka. **MWIBUKE KO BO BARETSE URUKUNDO RWABO RWAMBERE. ESE MWEBWE MWARINZE URWANYU?** Cyangwa imitima yanyu iragurumana ku bw’Ijambo ry’Imana n’ukugaragara kwa Kristo? Mwiteguye izamurwa?